# A̱llah yanditse igeno ry'ibiremwa byose mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu

Hadithi yaturutse kwa Abdillah Ibun Amr Ibun Al Asw (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "A̱llah yanditse igeno ry'ibiremwa byose mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu Intumwa yaravuze iti: Icyo gihe na Arshi ye yari hejuru y'amazi!"
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko Allah yanditse ku rubaho rurinzwe (A-Lawhul Mahfudhw) ibizaba ku burebure yageneye ibiremwa bye nk'ubuzima, urupfu, amafunguro n'ibindi mbere y'uko arema ibirere n'isi ho imyaka ibihumbi mirongo itanu, n'ubu bikaba bibibaho bijyanye n'uko Allah yabigennye. Bityo buri cyose kibaho ni ku bw'igeno rye. Bityo ibiba ku mugaragu ntibyamuhusha, n'ibimuhushije ntibyari kumugeraho.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee